*Mutarama 2025* *ikinyarwanda*

# Izere ubuzima!

**Sangiza abandi ukwizera kukuzuye umutima!** (reba. 1 Pet 3,15)

**Kontakt:** Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: m.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

Nshuti bakunzi ba von go4peace,

Muri uyu mwaka mutagatifu Papa Fransisko adutumiriramo gufata urugendo nk'abahamya b'ukwizera. Mathilda aradusangiza mu kwezi kwa Mutarama ubuhamya bukomeye bw'ukwizera yahuye nabwo mu buzima bwe.

„Nyuma yo kurangiza amashuri yisumbuye, nifuzaga cyane kujya mu Buhinde nk'umukorerabushake. Nari narabyifuje igihe kinini kandi narabiteguye neza. Nyuma y'igihe gito mbere y'uko mpaguruka, byagaragaye ko ntashobora kubona viza. Inzozi zanjye zahindutse ubusa. Icyo gihe narababaye cyane kandi ncika intege. Ariko nyuma yaho, nahisemo kurekura izo nzozi zanjye no kwizera ubuzima n'umutima w'ukwizera.

Umuryango wamfashaga gushaka aho nakorera ubukorerabushake wampaye amahirwe yo kujya gukora muri Santere y'urubyiruko yitwa Ivan Pavao II Sarajevo, mu murwa mukuru wa Bosiniya na Herzegovina. Sinari nzi neza aho iki gihugu giherereye. Narabyemeye nerekeza yo. Mu minsi mike ishize ni bwo navuye yo. Ku kibuga cy'indege cya Sarajevo, nasezeranye amarira menshi. Iki gihugu, abantu bacyo bafite umutima mwiza ndetse n'ibindi byinshi nahakuye, byansigaye mu mutima, ku buryo mpamya ko hari igice kinini cy'ubizima bwanjye nagombye gusiga yo. Kujya Sarajevo kugeza ubu, ni cyo icyemezo cyiza cyane nigeze gufata mu buzima bwanjye."

Twifatanye na Mathilda muri uku kwezi kwa Mutarama mu ntego igira iti: **Izere ubuzima!**

Ku bw'itsinda go4peace Meinolf Wacker

---

P.S.: Mugire ubutwari bwo gusangiza abandi ubuhamya bwanyu kuri porogaramu ya go4peace muri serivisi " Discover & write"